



Mata 2024

ikinyarwanda

Ba umuvumbuzi!

Nabonye Nyagasani!

(Yoh 20,18)

Kontakt: Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: +49-172-5638432
Mail: meinolf.wacker@go4peace.eu
Homepage www.go4peace.eu

Nshuti bakunzi ba go4peace,

hari ibintu cyangwa abantu duhura na byo(bo) bikatuguma mo yemwe n'iyi haba hashize igihe kirekire bibaye. Ni irihe banga riba ryihishe inyuma ya'ibyo bihe umuntu anyuramo? Iyo bis-hotse ko umuntu aba iruhande rwa mugenzi we, akamutega amatwi, bombi biyumvamo ko bumviswe uko bikwiye. Umuntu yumva ko akunzwe. Muri ibyo bihe rero byo kumva ko ukunzwe, biba bisa nk'aho hari undi muntu ukuri iruhande ariko utabonesha amaso.

Mariya Magdalena yari umwe mu bagore bakuriye Yezu mu gihe yari akiri hano ku isi. Yari yaragize amahirwe yo kwegerwa ku buryo byamuhinduye. Yemwe na nyuma y'uko Yezu ap-fuye, kuri we ntwabwo yari yagiye rwose. Yanyuze mu bihe bimwumvisha ko akomeje kumuba iruhande, ari muzima kandi by'ukuri, n'ubwo bwose byari mu buryo buhishe. Ni muri ubwo buryo yashoboye kubwira inshuti za Yezu ati: „Nabonye Nyagasani!“ (reba. Yoh 20,18)

Igihe kimwe nahuye n'umunyeshuri wari warakuriye mu muryango wari ufite ibibazo byinshi. Kuva mu bwana bwe yari yaratereranywe. Naramutumiye ngo dusangire ikawa. Mu mwanya muto havutse ukwizerana hagati yacu. Namaze umwanya munini muteze amatwi, nkajya mubaza utubazo tumwe na tumwe. Nyuma y'ikiganiro cyacu, byasaga nk'aho mu by'ukuri nta ntambwe byamuteje mu buzima bwe. Ubwo twari duhagaze imbere y'amagare yacu, yari aparitse imbere y'aho twafatiye ikawa, tugira ngo dusezeraneho, yaranyitegereje cyane ni uko arambwira ati: „Ibyo umfashije, ntabwo ari ibintu nafata nk'ibisanzwe!“ Nanjye naramwitegereje ndeba ukuntu yari akeye mu maso, mbasha kumva uburyo yari yishimye.

Byashoboka ko iyi yaba ari yo inzira ituganisha muri ibyo bihe bihoraho iteka. Twige kuba twe by'ukuri, ku bwacu bwite ndetse no ku bo duhura na bo. Mu bihe nk'ibyo, umutima wacu ushobora kureba byimbitse, ndetse tukaba twashobora kumeya ko mugenzi wacu turi hamwe by'ukuri. **Ba umuvumbuzi!**

Ku bw'itsinda go4peace

Meinolf Wacker